CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO

Twebwe, Abepisikopi ba Kiliziya Gatolika mu Rwanda turishimira ubufatanye buri hagati ya Kiliziya Gatolika n'inzego za Leta muri rusange, zaba inzego nkuru cg iz'ibanze, mu byiciro bitandukanye. Turashimira cyane ubushake bwa Perezida wa Repubulika mu guteza imbere ubwo bufatanye.

Mu minsi yashize hari abantu bakunze kwibaza ku mikoranire ya Kiliziya Gatolika na Leta y'U Rwanda ku bijyanye na serivisi z'ubuzima harimo n'izo kuboneza urubyaro. Inama y'abepisikopi Gatolika mu Rwanda irongera gushimangira ko ishyigikiye ubufatanye bwayo na Leta y'U Rwanda mu gusigasira no kubungabunga ubuzima bw'abanyarwanda. Irongera kwibutsa ko Kiliziya Gatolika ifitanye na Leta y'U Rwanda amasezerano agenga ubwo bufatanye yasinywe na Minisitiri w'ubuzima tariki 21 Ugushyingo 2012. Ayo masezerano Kiliziya Gatolika irayashyigikiye kandi n'inzego ziyishamikiyeho zirakomeza kuyubahiriza.

Twiteguye kandi gufatanya na Leta mu kuyavugurura no kuyanoza igihe cyose bibaye ngombwa kandi bitabangamiye imyemerere yacu. Twongeye gushimangira ko tuzakomeza ubufatanye n'inzego za Leta bushingiye ku bwubahane buhoraho; kugira ngo budufashe kubaka umukristu uhamye n'umunyarwanda ushoboye kandi ubayeho neza; ndetse n'igihugu cyiza.

Bikorewe I Kigali ku wa 16 Ukwakira 2019

Abepisikopi Gatolika mu Rwanda:

+ Filipo RUKAMBA, Umwepisikopi wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda; + Rukamba

+ Antoni KAMBANDA, Arikiyepisikopi wa Kigali, akaba n'umuyobozi wa diyosezi ya Kibungo;

+ Simaragidi MBONYINTEGE, Umwepisikopi wa Diyosezi ya Kabgayi;

+ Sereviliyani NZAKAMWITA, Umwepisikopi wa diyosezi ya Byumba;

+ Visenti HAROLIMANA; Umwepisikopi wa diyos4ezi ya Ruhengeri;

+ Anakeleti MWUMVANEZA, Umwepisikopi wa Diosezi ya Nyundo;

+ Selesitini HAKIZIMANA, Umwepisikopi wa diyosezi ya Gikongoro akaba n'umuyobozi wa diyosezi ya Cyangugu